REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA NYARUGURU
E- mail : info@nyaruguru.gov.rw

ITANGAZO RIJYANYE N'INGENGABIHE KU IYIMURWA RY'ABARIMU (TRANSFER)

Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru ashingiye ku ibaruwa No 2242/REB/TDM&CGC/20 yo kuwa 11/06/2020 Umuyobozi Mukuru wa REB yandikiye Uturere twose atugezaho ingengabihe ku iyimurwa ry'abarimu (Transfer);

Ashingiye kandi ku Iteka rya Perezida No 064/01 ryo kuwa 16/03/2020 rishyiraho Sitati yihariye y'abarimu bo mu mashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye n'ay'imyuga n'ubumenyingiro mu ngingo ya 54 n'iya 56, Umwarimu wifuza gusaba kwimuka ava cyangwa ajya mu Mujyi wa Kigali cyangwa mu Karere ajya mu kandi cyangwa mu kigo ajya mu kindi;

Aramenyesha abarimu bose bifuza guhindurirwa ibigo bakoreragaho mu mwaka wa 2020/2021 ko Umwarimu wifuza gusaba kwimuka ava cyangwa ajya mu Mujyi wa Kigali/Akarere ajya mu kandi cyangwa mu kigo ajya mu kindi, ko amabaruwa abisaba azatangira kwakirwa guhera tariki ya 25/06/2020 kugeza tariki ya 10/07/2020 saa kumi n'imwe (05:00 PM) mu bunyamabanga rusange bw'Akarere.

Umwarimu ubyifuza agomba gutanga ibyangombwa bikurikira:

1. Ibaruwa yandikiwe Umuyobozi w'Akarere isobanura neza impamvu asaba kwimurwa;
2. Icyemezo cy'uko yagize amanota atari munsi ya 70% mu isuzumamikorere ry'umwaka wa 2019;
3. Icyemezo cy'uko afite imyitwarire myiza gitangwa n'umugenzuzi w'uburezi ku rwego rw'Umurenge amaze kugisha inama Umuyobozi w'ishuri uwo mwarimu yigishagamo;
4. Icyemezo gitangwa n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere gaherereyemo ishuri umwarimu yifuza kwimukiraho, icyo cyemezo kikaba kigaragaza ko aho yifuza kwimukira hari umwanya;
5. Icyemezo gitangwa n'Umuyobozi w'ishuri yigishagamo cyemeza ko nahava nta cyuho kizahagaragara;
6. Kopi y'ibaruwa ya burundu imushyira mu kazi (Final appointment letter);
7. Kopi y'impamyabushobozi asanzwe ahemberwa aho yigishaga na kopi y'indangamuntu (bireba abifuza kwimukira mu Karere ka Nyaruguru bavuye mu tundi turere);

Bikorewe i Nyaruguru kuwa 22/06/2020

HABITEGEKO François
Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru

Dukorane umurava dutere imbere

Scanned with CamScanner